



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa 2021, umunsi wa cumi n'icyenda (19) w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **MUZAMUZI Pacifique** Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **MUKANTWARI Beatha** mwene Mvunabamaboko Augustin na Mukaruhima Costasia wavutse kuwa 1987, ubarizwa mu Mudugudu wa Murama, Akagari ka Kibonde, Umurenge wa Sake, Akarere NGOMA, Intara y' Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa n° RP 01299/2020/TGI/NGOM bukurikiranyeho MPONGANO Alexandre na MUKANTWARI Beatha icyaha cy' Ubushoreke, giteganywa kandi kigahanwa n'ingingo ya 138 y'Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018, riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganywa uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse MUKANTWARI Beatha kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa 23/02/2021 saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo [www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw).

UMUCAMANZA

MUSABYIMANA Claudine



UMWANDITSI

MUZAMUZI Pacifique